

ITEKA RYA MINISITIRI N°008/16.01 RYO KUWA 26/11/2010 RISHYIRAHU AMATEGEKO NGENGAMIKORERE Y'IKIGO CY'IGIHUGU CYO KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE	MINISTERIAL ORDER N°008/16.01 OF 26/11/2010 ESTABLISHING INTERNAL RULES AND PROCEDURES FOR RWANDA ENVIRONMENT MANAGEMENT AUTHORITY	ARRETE MINISTERIEL N°008/16.01 DU 26/11/2010 ETABLISSANT LE REGLEMENT D'ORDRE INTERIEUR DE L'OFFICE RWANDAIS DE PROTECTION DE L'ENVIRONNEMENT
--	--	--

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	CHAPTER ONE: GENERAL PROVISION	CHAPITRE PREMIER : DISPOSITION GENERALE
-------------------------------------	--------------------------------	--

<u>Ingingo ya mbere</u> : icyo iri teka rigamije	<u>Article One</u> : Objectives of this Order	<u>Article premier</u> : Objet du présent arrêté
--	---	--

UMUTWE WA II : INZEGO ZA REMA	CHAPTER II: ORGANS OF REMA	CHAPITRE II : ORGANES DE REMA
-------------------------------	----------------------------	-------------------------------

<u>Iciviro cya mbere</u> : Inama y'Ubuyobozi	<u>Section One</u> : Board of Directors	<u>Section première</u> : Conseil d'Administration
--	---	---

<u>Ingingo ya 2</u> : Inshingano z'inama y'ubuyobozi	<u>Article 2</u> : Attributions of Board of Directors	<u>Article 2</u> : Attributions du Conseil d'Administration
---	---	--

<u>Ingingo ya 3</u> : Guterana kw'inama y'ubuyobozi	<u>Article 3</u> : Meetings of the Board of Directors	<u>Article 3</u> : Réunions du Conseil d'Administration
--	--	--

<u>Ingingo ya 4</u> : Umubare wa ngombwa ngo Inama y'Ubuyobozi iterane	<u>Article 4</u> : Quorum	<u>Article 4</u> : Quorum
---	---------------------------	---------------------------

<u>Ingingo ya 5</u> :Aho inama ziteranira	<u>Article 5</u> : Venue of Meetings	<u>Article 5</u> : Lieu de tenue des réunions
---	--------------------------------------	---

Official Gazette n° 50 bis of 13/12/2010

<u>Ingingo ya 6:</u> Ubutumire mu nama	<u>Article 6:</u> Invitation to the meeting	<u>Article 6 :</u> Invitation à la réunion
<u>Ingingo ya 7:</u> Umwanditsi w'Inama y'Ubuyobozi	<u>Article 7:</u> Rapporteur to the Board of Directors	<u>Article 7 :</u> Rapporteur du Conseil d'Administration
<u>Ingingo ya 8:</u> Kwitabira inama	<u>Article 8:</u> Attending the meeting	<u>Article 8 :</u> Présence aux réunions
<u>Ingingo ya 9:</u> Imiyoborere y'inama	<u>Article 9:</u> Chairing the meeting	<u>Article 9 :</u> Direction de la réunion
<u>Ingingo ya 10:</u> Gufata ibyemezo	<u>Article 10:</u> Taking decisions	<u>Article 10 :</u> Prise de décisions
<u>Ingingo ya 11:</u> Guhindura icyemezo	<u>Article 11:</u> Changing the decision	<u>Article 11 :</u> Modification d'une décision
<u>Ingingo ya 12 :</u> Kwemeza inyandikomvugo y'inama	<u>Article 12:</u> Approving the report of the meeting	<u>Article 12 :</u> Confirmation du procès-verbal
<u>Ingingo ya 13 :</u> Agaciro k'ibyemezo	<u>Article 13:</u> Validity of Decisions	<u>Article 13 :</u> Importance des décisions
<u>Ingingo ya 14 :</u> Itumizwa ry'inama iyo Perezida na Visi Perezida badahari	<u>Article 14:</u> Convening of the meeting in case of absence of the President and the Vice-President	<u>Article 14 :</u> Convocation de la réunion en cas d'absence du Président et du Vice-Président
<u>Ingingo ya 15 :</u> Gutangaza ibyemezo	<u>Article 15:</u> Announcing the decisions	<u>Article 15 :</u> Déclaration des décisions
<u>Icyiciro cya 2:</u> Ubuyobozi bwa REMA	<u>Section 2:</u> Directorate of REMA	<u>Section 2 :</u> Direction de REMA
<u>Ingingo ya 16:</u> Imicungire ya buri muni ya REMA	<u>Article 16:</u> Daily Management of REMA	<u>Article 16 :</u> Gestion quotidienne des activités de REMA
<u>Ingingo ya 17 :</u> Imirimo yihutirwa	<u>Article 17 :</u> Urgent duties	<u>Article 17 :</u> Travaux urgents
<u>Ingingo ya 18:</u> Imiyoborere y'imirimo	<u>Article 18:</u> Conducting the services	<u>Article 18 :</u> Direction des services

<u>Ingingo ya 19:</u> Inama y'imicungire	<u>Article 19:</u> Management Meeting	<u>Article 19:</u> Réunion de gestion
UMUTWE WA III: AKANAMA GASHINZWE GUTANGA AMASOKO	CHAPTER III: PROCUREMENT COMMITTEE	CHAPITRE III: COMITE DE PASSATION DES MARCHES
<u>Ingingo ya 20:</u> Abagize Akanama Gashinzwe Gutanga Amasoko	<u>Article 20:</u> Members of the Procurement Committee	<u>Article 20:</u> Membres du Comité de passation des marchés
<u>Ingingo ya 21:</u> Manda y'abagize akanama gashinzwe gutanga amasoko	<u>Article 21:</u> Term of office of the members of the Procurement Committee	<u>Article 21:</u> Mandat des membres du Comité de passation des marchés
UMUTWE WA IV : ABAKOZI	CHAPTER IV: PERSONEL	CHAPITRE IV: PERSONNEL
<u>Icyiciro cya mbere:</u> Ishyirwaho ry'abakozi	<u>Section One:</u> Recruitment of staff	<u>Section première:</u> Recrutement du personnel
<u>Ingingo ya 22:</u> Ibyiciro by'abakozi	<u>Article 22:</u> Categories of staff	<u>Article 22:</u> Catégories d'employés
<u>Ingingo ya 23:</u>Ibaruwa iha umukozi akazi	<u>Article 23:</u> Appointment letter	<u>Article 23:</u> Lettre d'affectation
<u>Ingingo ya 24:</u> Igeragezwa ry'umukozi	<u>Article 24:</u> Probation	<u>Article 24:</u> Période d'essai
<u>Ingingo ya 25:</u> Gusimbura by'agateganyo umukozi uvuye ku kazi	<u>Article 25:</u> Temporary replacement of an employee	<u>Article 25:</u> Remplacement temporaire d'un employé
<u>Icyiciro cya 2:</u> Kubahiriza akazi n'imyitwarire ku murimo	<u>Section 2:</u> Diligence and Discipline at work	<u>Section 2:</u> Diligence et discipline au travail
<u>Ingingo ya 26:</u>Ingengabihe y'akazi	<u>Article 26:</u> Work timetable	<u>Article 26:</u> Horaire de travail
<u>Ingingo ya 27:</u>Gukora amasaha y'ikirenga	<u>Article 27:</u> Overtime	<u>Article 27:</u> Heures supplémentaires

Official Gazette n° 50 bis of 13/12/2010

<u>Ingingo ya 28:</u> Gukererwa no gusiba akazi	<u>Article 28:</u> Lateness and absence from duty	<u>Article 28 :</u> Retard et absence au travail
<u>Ingingo ya 29:</u> Imyitwarire y’umukozi	<u>Article 29:</u> Behaviour	<u>Article 29 :</u> Conduite et Discipline
<u>Ingingo ya 30:</u> Ibanga ry’akazi	<u>Article 30:</u> Confidentiality	<u>Article 30 :</u> Secret professionnel
<u>Ingingo ya 31:</u> Umutungo w’ikigo	<u>Article 31:</u> REMA Property	<u>Article 31 :</u> Patrimoine de REMA
<u>Ingingo ya 32:</u> Amabwiriza y’akazi	<u>Article 32:</u> Work instructions	<u>Article 32 :</u> Instructions de travail
<u>Ingingo ya 33:</u> Kwirinda ivangura	<u>Article 33:</u> Avoidance of segregation	<u>Article 33 :</u> Eviter la discrimination
<u>Ingingo ya 34:</u> Isuku	<u>Article 34:</u> Hygiene	<u>Article 34 :</u> Propreté
<u>Iciviro cya 3:</u> Amakosa n’ibihano	<u>Section 3:</u> Faults and sanctions	<u>Section 3 :</u> Fautes et sanctions
<u>Ingingo ya 35:</u> Akanama gakurikirana imyitwarire y’abakozi	<u>Article 35:</u> Disciplinary Committee	<u>Article 35 :</u> Comité de discipline
<u>Ingingo ya 36:</u> Amakosa yoroheje n’amakosa akomeye	<u>Article 36:</u> Simple and grave faults	<u>Article 36 :</u> Fautes légères et fautes graves
<u>Ingingo ya 37:</u> Ibihano	<u>Article 37:</u> Sanctions	<u>Article 37 :</u> Sanctions
<u>Ingingo ya 38:</u> Itangwa ry’ibihano	<u>Article 38:</u> Imposition of sanctions	<u>Article 38:</u> L’application des sanctions
<u>Ingingo ya 39:</u> Kwisobanura k’umukozi	<u>Articles 39:</u> Explanations by an employee	<u>Article 39 :</u> Explication de l’employé
<u>Ingingo ya 40:</u> Abemerewe gutanga ibihano	<u>Article 40:</u> Authorities who impose sanctions	<u>Article 40:</u> Autorités qui appliquent les sanctions
<u>Ingingo ya 41:</u> Ikurikiranwa ry’umukozi mu	<u>Article 41:</u> Prosecution of an employee in	<u>Article 41 :</u> Poursuite en justice d’un

Official Gazette n° 50 bis of 13/12/2010

nzego z'ubutabera	courts of law	employé
<u>Ingingo ya 42:</u> Guhagarikwa by'agateganyo kubera iperereza	<u>Article 42:</u> Suspension for investigation purposes	<u>Article 42 :</u> Suspension temporaire
<u>Icyiciro cya 4:</u> Imishahara	<u>Section 4:</u> Salaries	<u>Section 4 :</u> Salaires
<u>Ingingo ya 43:</u> Igenwa ry'umushahara	<u>Article 43:</u> Determining salaries	<u>Article 43 :</u> Fixation des salaires
<u>Ingingo ya 44:</u> Agahimbazamushi ku bakozi	<u>Article 44:</u> Incentives for employees	<u>Article 44 :</u> Primes
<u>Icyiciro cya 5:</u> Ikiruhuko cy'umwaka	<u>Section 5:</u> Annual leave	<u>Section 5 :</u> Congé annuel
<u>Ingingo ya 45:</u> Gusaba ikiruhuko	<u>Article 45:</u> Application for leave	<u>Article 45 :</u> Demande de congé
<u>Ingingo ya 46:</u> Amafaranga asimburako ikiruhuko	<u>Article 46:</u> Leave compensation indemnity	<u>Article 46 :</u> Indemnité compensatrice de congé
<u>Ingingo ya 47:</u> Abemerewe gutanga ikiruhuko	<u>Article 47:</u> Authorities to approve Leave	<u>Article 47 :</u> Autorités qui autorisent les congés
<u>Icyiciro cya 6:</u> Gutanga amanota n'ibihembo	<u>Section 6:</u> Staff evaluation and awards	<u>Section 6:</u> Evaluation et remise des prix
<u>Ingingo ya 48:</u> Isuzumamikorere ry'umukozi uri mu igeragezwa	<u>Article 48:</u> Assessment and evaluation of a staff member on probation	<u>Article 48 :</u> Evaluation d'un employé en période d'essai
<u>Ingingo ya 49:</u> Isuzumamikorere ry'umukozi wahawe akazi burundu	<u>Article 49:</u> Assessment and evaluation of a permanent employee	<u>Article 49:</u> Evaluation d'un employé engagé définitivement
<u>Ingingo ya 50:</u> Kwemeza raporo y'isuzumamikorere	<u>Article 50:</u> Approval of the Evaluation report	<u>Article 50 :</u> Confirmation du rapport d'évaluation

Official Gazette n° 50 bis of 13/12/2010

<u>Ingingo ya 51:</u> Guhamba abakozi b'indashyikirwa	<u>Article 51:</u> Rewarding the best employees	<u>Article 51 :</u> Récompenses aux meilleurs employés
<u>Icyciro cya 7:</u> Ibindi bigenerwa abakozi	<u>Section 7:</u> Other fringe benefits	<u>Section 7:</u> Autres avantages
<u>Ingingo ya 52:</u> Imyitozo ngororangingo	<u>Article 52:</u> Physical exercises	<u>Article 52 :</u> Sport
<u>Ingingo 53 :</u>Gufasha kubona ifunguro	<u>Article 53:</u> Facilitation for meals	<u>Article 53:</u> Restauration
UMUTWE WA V: ICUNGAMUTUNGO	CHAPTER V: FINANCIAL MANAGEMENT	CHAPITRE V: GESTION DU BUDGET
<u>Icyciro cya mbere :</u> Ingingo y'imari	<u>Section One:</u> Budget	<u>Section première :</u> Budget
<u>Ingingo ya 54:</u> Guhindura imirongo y'ingingo y'imari	<u>Article 54:</u> Budget reallocations	<u>Article 54 :</u> Changement de budget
<u>Ingingo ya 55:</u> Raporo ku mikoreshereze y'ingingo y'imari	<u>Article 55:</u> Budget report	<u>Article 55 :</u> Rapport d'utilisation du budget
<u>Icyciro cya 2:</u> Ibaruramari	<u>Section 2:</u> Accounts	<u>Section 2 :</u> Comptabilité
<u>Ingingo ya 56:</u> Uburyo bwo kwishyura	<u>Article 56:</u> Means of payment	<u>Article 56 :</u> Moyen de paiement
<u>Article 57:</u> Gutanga uburenganzira bw'imikono	<u>Article 57:</u> Authorization for signatures	<u>Article 57:</u> Droit de signature
<u>Ingingo ya 58:</u> Raporo y'umwaka ku ikoreshwa ry'ingingo y'imari	<u>Article 58:</u> Annual report on the budget use	<u>Article 58 :</u> Rapport annuel sur l'utilisation du budget
<u>Ingingo ya 59:</u> Isanduku ya REMA	<u>Article 59:</u> REMA petty cash fund	<u>Article 59 :</u> Caisse de REMA

Official Gazette n° 50 bis of 13/12/2010

<u>Ingingo ya 60:</u> Inyandiko zitumiza ibintu	<u>Article 60:</u> Purchasing orders	<u>Article 60 :</u> Bons de commande
<u>Ingingo ya 61:</u> Inyemezabuguzi	<u>Article 61:</u> Receipt	<u>Article 61 :</u> Factures
<u>Icyiciro cya 3:</u> Igenzura ry’umutungo	<u>Section 3:</u> Audit	<u>Section 3:</u> Audit du patrimoine
<u>Ingingo ya 62 :</u> Igenzura rya buri muni ry’umutungo	<u>Article 62:</u> Daily Audit	<u>Article 62 :</u> Contrôle journalier
<u>Ingingo ya 63 :</u> Raporo y’umugenzuzi w’umutungo wa REMA	<u>Article 63:</u> Report of the internal auditor	<u>Article 63 :</u> Rapport de l’auditeur interne
UMUTWE WA VI : INGINGO ZISOZA	CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS	CHAPITRE VI : DISPOSITIONS FINALES
<u>Ingingo ya 64:</u> Ivanwaho ry’ingingo zinyuranyije n’iziri teka	<u>Article 64:</u> Repealing provision	<u>Article 64 :</u> Disposition abrogatoire
<u>Ingingo ya 65:</u> Igihe iteka ritangirira gukurikizwa	<u>Article 65:</u> Commencement	<u>Article 65 :</u> Entrée en vigueur

Official Gazette n° 50 bis of 13/12/2010

ITEKA RYA MINISITIRI N°008/16.01 RYO KUWA 26/11/2010 RISHYIRAHO AMATEGEKO NGENGAMIKORERE Y'IKIGO CY'IGIHUGU CYO KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE	MINISTERIAL ORDER N°008/16.01 OF 26/11/2010 ESTABLISHING INTERNAL RULES AND PROCEDURES FOR RWANDA ENVIRONMENT MANAGEMENT AUTHORITY	ARRETE MINISTERIEL N°008/16.01 DU 26/11/2010 ETABLISSANT LE REGLEMENT D'ORDRE INTERIEUR DE L'OFFICE RWANDAIS DE PROTECTION DE L'ENVIRONNEMENT
Minisitiri w'Ibidukikije n'Ubutaka;	The Minister of Environment and Lands;	Le Ministre de l'Environnement et des Terres;
Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'iya 201;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date especially in Articles 120, 121 and 201;	Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour spécialement en ses articles 120, 121 et 201;
Ashingiye ku Itegeko Ngenga n° 06/2009/OL ryo kuwa 21/12/2009 rishyiraho amategeko rusange yerekeye ibigo bya Leta;	Pursuant to Organic Law n° 06/2009/OL of 21/12/2009 establishing general provisions governing public institutions;	Vu la Loi Organique n° 06/2009/OL du 21/12/2009 portant dispositions générales applicables aux établissements publics;
Ashingiye ku Itegeko n° 22/2002 ryo kuwa 09/07/2002 rishyiraho amategeko rusange agenga Abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta;	Pursuant to Law n° 22/2002 of 9/07/2002 on General Statutes for Rwanda Public Service;	Vu la Loi n°22/2002 du 09/07/2002 portant statut général de la fonction publique rwandaise ;
Ashingiye ku Itegeko n° 16/2006 ryo kuwa 03/04/2006 rigena imiterere, imikorere n'inshingano by'Ikigo cy'Igihugu cyo Kubungabunga Ibidukikije cyane cyane mu ngingo zaryo iya 10, iya 11 n'iya 18;	Pursuant to Law n° 16/2006 of 03/04/2006 determining the organization, functioning and responsibilities of Rwanda Environment Management Authority especially in Articles 10, 11 and 18;	Vu la Loi n° 16/2006 du 03/04/2006 portant organisation, fonctionnement et attributions de l'Office Rwandais de Protection de l'Environnement, spécialement en ses articles 10, 11 et 18;
Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 23/06/2010 imaze kubisuzuma no kubyemeza,	After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 23/06/2010;	Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 23/06/2010;

ATEGETSE:

HEREBY ORDERS:

ARRETE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISION

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITION GENERALE

Ingingo ya mbere : Icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier : Objet du présent arrêté

Iri teka rishyiraho amategeko ngengamikorere y'Ikigo cy'Igihugu cyo kubungabunga ibidukikije (REMA).

This Order establishes rules and procedures for Rwanda Environment Management Authority (REMA).

Le présent arrêté établit le règlement d'ordre intérieur de l'Office Rwandais de Protection de l'Environnement (REMA).

UMUTWE WA II : INZEGO ZA REMA

CHAPTER II: ORGANS OF REMA

CHAPITRE II : ORGANES DE REMA

Iciviro cya mbere : Inama y'Ubuyobozi

Section One: Board of Directors

Section première : Conseil d'Administration

Ingingo ya 2: Inshingano z'inama y'ubuyobozi

Article 2: Responsibilities of Board of Directors

Article 2: Attributions du Conseil d'Administration

Inama y'Ubuyobozi ni rwo rwego ruyiyobora kandi rushinzwe gufata ibyemezo. Ifite ububasha busesuye n'inshingano byo gucunga umutungo wa REMA kugira ngo ishobore kugera ku nshingano zayo.

The Board of Directors is the governing organ for REMA and it is responsible for taking decisions. It shall have full powers and responsibilities to manage REMA's resources in order for it to fulfill its responsibilities.

Le Conseil d'Administration est l'organe qui dirige et prend toutes les décisions. Il a le pouvoir total et les obligations de gérer le patrimoine de REMA afin d'atteindre ses objectifs.

Ingingo ya 3: Guterana kw'inama y'ubuyobozi

Article 3: Meetings of the Board of Directors

Article 3: Réunions du Conseil d'Administration

Inama y'Inama y'Ubuyobozi isanzwe iterana rimwe mu gihembwe, n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa

The ordinary session the Board of Directors shall be held once a term and at any time it is deemed necessary upon invitation by its

La session ordinaire du Conseil d'Administration est tenue une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur

Official Gazette n° 50 bis of 13/12/2010

Visi-Perezida igihe Perezida adahari.

Chairperson or the Vice Chairperson, in case of the absence of the former.

convocation de son Président ou de son Vice Président, en cas d'absence du Président.

Ubutumire bw'inama isanzwe bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane.

The invitation of the ordinary meeting shall be in writing which shall be sent to the members of the Board at least fifteen (15) days before the date of the meeting.

La convocation du Conseil ordinaire est faite par écrit et est remise à tous les membres du Conseil d'Administration au moins 15 jours avant la date de la réunion.

Inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko kandi ikayoborwa na Perezida wayo cyangwa Visi-Perezida igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa babisabwe byibura na ½ cy'abagize inama y'ubuyobozi. Inama idasanzwe itumizwa hasigaye nibura iminsi itanu (5) yuzuye kugira ngo iterane.

The extraordinary meeting shall be convened in writing; and chaired by the Chairperson of the Board of Directors, or the Vice Chairperson in case of absence of the former, upon their own initiative, or on request by ½ of the members of the Board of Directors. The extraordinary meeting shall be convened at least five (5) days before the meeting is held.

La réunion extraordinaire est convoquée par écrit et présidée par le Président du Conseil d'Administration ou son Vice-Président en cas d'absence du Président, de leur initiative ou sur demande d'au moins ½ des membres du Conseil. La réunion extraordinaire est convoquée au moins cinq (5) jours avant sa tenue.

Umunsi ubutumire bwakiriweho n'uwo inama izateraniraho ntibibarirwa mu minsi yavuzwe haruguru.

The day of reception of the invitation and the day the meeting is held are not inclusive in the above mentioned days.

Le jour de la réception de l'invitation ainsi que le jour de la réunion ne sont pas comptés dans les jours précités.

Ingingo ya 4: Umubare wa ngombwa ngo Inama y'Ubuyobozi iterane

Article 4: Quorum

Article 4 : Quorum

Inama y'abagize Inama y'Ubuyobozi iterana iyo hari byibuze 2/3 by'abayigize.

The meeting of the Board of Directors is only held if at least 2/3 of its members are present.

La réunion du Conseil d'Administration siège en présence d'au moins 2/3 de ses membres.

Ingingo ya 5: Aho inama ziteranira

Article 5: Venue of Meetings

Article 5 : Lieu de tenue des réunions

Inama z'abagize Inama y'Ubuyobozi ziteranira i Kigali cyangwa se ahandi hantu hagenwe n'inama ibanza cyangwa abagize biro y'Inama

Meetings of the Board of Directors shall be held in Kigali or elsewhere as may be decided upon by the previous meeting or by the

Les réunions du Conseil d'Administration se tiennent à Kigali ou dans un autre endroit décidé lors de la réunion précédente ou par

Official Gazette n° 50 bis of 13/12/2010

y'Ubuyobozi.

members of the Board of Directors.

les membres du bureau du Conseil d'Administration.

Ingingo va 6: Ubutumire mu nama

Article 6: Invitation to the meeting

Article 6 : Invitation à la réunion

Ubutumire bugomba kuba bugaragaza ibiri ku murongo w'ibiyigwa, isaha n'aho inama izateranira. Mu ntangiriro y'inama, ugize inama y'ubuyobozi wese ashobora gusaba ko ingingo runaka yongerwa ku murongo w'ibiyigwa. Inama irabisuzuma ikabifataho umwanzuro hakurikijwe uburyo bwo gufatamo ibyemezo.

The invitation to the meeting shall clearly indicate the agenda, the time and venue of the meeting. At the beginning of the meeting, any member of the board may request that any other item be included on the agenda. The meeting shall examine the item and decide on its inclusion on the agenda in accordance with the established procedures.

L'invitation à la réunion doit mentionner l'ordre du jour, l'heure et l'endroit où se tiendra la réunion. Au début de la réunion, chaque membre du Conseil d'Administration peut demander qu'un point quelconque soit ajouté à l'ordre du jour. Après examen le Conseil prend des décisions selon les procédures normales.

Ingingo zari ku murongo w'ibiyigwa zitizweho cyangwa zitarangiye nizo zihurwaho mu nama itaha zigafatirwa umwanzuro wa nyuma.

Items not discussed or not concluded shall be given priority in the following meeting.

Les points prévus à l'ordre du jour et qui n'ont pas été examinés sont repris en priorité à la prochaine réunion pour une décision finale.

Ingingo va 7: Umwanditsi w'Inama y'Ubuyobozi

Article 7: Rapporteur to the Board of Directors

Article 7: Rapporteur du Conseil d'Administration

Umuyobozi Mukuru wa REMA ni we mwanditsi w'Inama y'Ubuyobozi, ariko igihe cyo gufata ibyemezo we ntatora.

The Director General of REMA shall be the Rapporteur of the meeting of the Board of Directors, but he/she shall not vote during decision taking.

Le Directeur Général de REMA est le Rapporteur du Conseil d'Administration, mais n'a pas le droit de voter lors de la prise des décisions.

Ashobora kwifashisha umwe mu bakozi ba REMA akamufasha kwandika ibivugirwa mu nama.

He/She may be assisted by any REMA staff member to write the report in the meeting.

Il peut être assisté par un fonctionnaire de REMA pour prendre les procès verbaux des réunions du Conseil d'Administration.

Ingingo ya 8: Kwitabira inama

Kwitabira inama z’Inama y’Ubuyobozi ku gihe ni itegeko, keretse hari impamvu ifite ishingiro kandi yamenyeshejwe Umuyobozi w’Inama y’Ubuyobozi hasigaye byibuze umunsi umwe ngo inama iterane.

Ingingo ya 9: Imiyoborere y’inama

Umuyobozi w’Inama y’Ubuyobozi ni we utangiza akanasoza imirimo yayo. Niwe kandi uyobora inama. Mu nama areba ko amategeko yubahirizwa, agatanga uburenganzira bwo gufata ijambo, akagaragaza ibibazo, akayobora amatora, akanatangaza ibyemezo byafashwe.

Ingingo ya 10: Gufata ibyemezo

Ibyemezo by’Inama y’Ubuyobozi bifatwa ku bwumvikane busesuye, bitashoboka bigafatwa ku bwiganze bw’amajwi y’abitabiriye inama. Iyo ubwiganze bw’amajwi y’abitabiriye inama butabonetse, ijwi ry’umuyobozi w’inama ni ryo rikemura impaka.

Mu kwemeza umubare w’amajwi, ntihabarwa:

- 1° amajwi y’abifashe ;
- 2° amajwi y’impfabusa igihe itora ryakozwe mu ibanga.

Article 8: Attending the meeting

Attending the meeting of the Board of Directors on time is compulsory, unless there is a reason prior communicated to the Chairperson of the Board of Directors at least one day before the meeting.

Article 9: Chairing the meeting

The Chairperson starts and closes the meeting. He/she shall also chair the meeting. During meetings, he/she ensures that rules are respected, gives floor, highlights issues, supervises the voting and pronounces the decisions taken.

Article 10: Taking decisions

The decisions of the Board of Directors shall be taken upon consensus, if not upon the majority of members present. If there is no majority obtained, the vote of the meeting chairperson is decisive.

In deciding the number of votes, the following shall not be considered:

- 1° the abstained votes;
- 2° the spoilt votes in secret ballots.

Article 8 : Présence aux réunions

La présence aux réunions du Conseil d’Administration est obligatoire à moins qu’il y ait une raison valable, communiquée, à l’avance au Président au moins un jour avant la réunion.

Article 9 : Direction de la réunion

Le Président du Conseil d’Administration ouvre et clôture les débats. Il préside également la réunion. Dans la réunion, il vérifie le respect des règles, donne la parole aux interlocuteurs, soulève les problèmes, dirige le vote, et proclame les décisions prises.

Article 10 : Prise de décisions

Les décisions du Conseil d’Administration sont prises sur consensus et, à défaut du consensus, à la majorité des membres présents. En cas d’égalité de voix, celle du Président est prépondérante.

Pour confirmer le nombre des voix on ne tient pas compte:

- 1° des abstentions ;
- 2° des voix nulles en cas de scrutin secret.

Official Gazette n° 50 bis of 13/12/2010

Igihe itora ryakozwe mu ibanga, amajwi abarwa n'abantu babiri bumvikanyweho n'abitabiriye inama, bakava mu bagize Inama y'Ubuyobozi.

When voting is conducted in secret ballot, votes are verified by two people agreed upon in the meeting from the members of the Board of Directors.

En cas de scrutin secret, le dépouillement est fait par deux personnes désignées par voie consensuelle par les participants à la réunion et choisis parmi les membres du Conseil d'Administration.

Ingingo ya 11: Guhindura icyemezo

Iyo icyemezo cyafashwe, ntigishobora kongera kwigwaho keretse bisabwe n'inama ku bwiganze burunduye bw'amajwi y'abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama.

Article 11: Changing the decision

If the decision is taken, it shall not be reversed unless requested by the majority of the members of the Board of Directors present in the meeting.

Article 11 : Modification d'une décision

Lorsqu'une décision est prise sur un point quelconque, celui-ci ne peut plus revenir dans les discussions sauf sur demande de la majorité absolue des membres du Conseil d'Administration présents.

Ingingo ya 12 : Kwemeza inyandikomvugo y'inama

Mu ntagiriro z'inama zose z'abagize Inama y'Ubuyobozi, habanza gusomwa inyandikomvugo y'inama iheruka. Ugize inama y'ubutegetsi wese afite uburenganzira bwo kugira ibyo avuga ku bikubiye muri iyo nyandikomvugo mbere y'uko yemezwa. Inyandikomvugo ishyingirwaho umukono na Perezida w'inama hamwe n'umwanditsi.

Article 12: Approving the report of the meeting

At the beginning of all meetings of the members of the Board of Directors, the previous meeting report shall be read. Any member of the Board of Directors has the right to comment on it before its approval. The report shall be signed by the Rapporteur and the Chairperson.

Article 12 : Confirmation du procès-verbal

Chaque réunion du Conseil d'Administration débute par la lecture du procès-verbal de la réunion précédente. Chaque membre du Conseil d'Administration a le droit de faire des observations sur le contenu du procès-verbal avant de le confirmer. Le procès verbal est signé par le Président de la réunion ainsi que son secrétaire.

Kopi y'inyandikomvugo yohererezwa Minisitiri ufite ibidukikije mu nshingano ze mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) guhera umunsi yemerejweho.

The copy of the report shall be sent to the Minister in charge of environment within fifteen (15) days starting from the date of its adoption.

La copie du procès-verbal est envoyée au Ministre ayant l'environnement dans ses attributions dans les 15 jours comptés à partir du jour de sa confirmation.

Ingingo ya 13 : Agaciro k'ibyemezo

Ibyemezo bigira agaciro gusa iyo biri ku murongo w'ibyigwa kandi byemejwe hakurikije uburyo bwo gufata ibyemezo buteganywa n'ingingo zibanziriza iyi.

Ingingo ya 14 : Itumizwa ry'inama iyo Perezida na Visi Perezida badahari

Iyo habonetse impamvu ituma Perezida cyangwa se Visi-Perezida bataboneka ariko byibura ½ cy'abagize Inama y'Ubuyobozi bakifuza ko inama iterana, icyo gihe irahamagazwa kandi ikayoborwa n'uyimazemo igihe kirekire kurusha abandi, ataboneka bigakorwa n'urusha abandi imyaka y'amavuko.

Ingingo ya 15 : Gutangaza ibyemezo

Uretse ibyemezo byagizwe ibanga, ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi bitangarizwa abo bireba na Perezida.

Article 13: Validity of Decisions

The decisions shall be valid only if they are part of the agenda and adopted in accordance with procedures of taking decisions provided for in the preceding provisions.

Article 14: Convening of the meeting in case of absence of the President and the Vice-President

In case there arises a reason where the Chairperson of the Board and the Vice chairperson are absent but at least ½ of the Board members present wish to hold a meeting, one of the long serving members or the eldest, if there is no long serving member, may call and chair the meeting.

Article 15: Announcing the decisions

Except confidential decisions, other decisions of the Board of Directors shall be communicated to the concerned by its Chairperson.

Article 13 : Importance des décisions

Les décisions du Conseil d'Administration sont valables si seulement elles figuraient à l'ordre du jour et qu'elles ont été confirmées selon les procédures prévues dans les articles précédents.

Article 14 : Convocation de la réunion en cas d'absence du Président et du Vice-Président

En cas d'absence du Président et du Vice-Président et si au moins ½ des membres du Conseil d'Administration souhaite que la réunion soit tenue, celle-ci est convoquée et présidée par la personne ayant plus d'ancienneté ou le plus âgé des membres.

Article 15 : Déclaration des décisions

A part les décisions confidentielles, toutes autres décisions du Conseil d'Administration sont annoncées aux concernés par le Président du Conseil.

Icyiciro cya 2: Ubuyobozi bwa REMA

Ingingo ya 16: Imicungire ya buri muni ya REMA

Imicungire ya buri muni ya REMA ishinzwe Umuyobozi Mukuru wayo ushyirwaho n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe. Iyo adahari asimburwa n'umuyobozi w'ishami rishinzwe iby'Ubutegetsi n'Imari, uyu nawe yaba adahari agasimburwa n'Umuyobozi w'Ishami wabihereye ububasha n'Umuyobozi Mukuru wa REMA cyangwa Inama y'Ubuyobozi ya REMA.

Ingingo ya 17 : Imirimo yihutirwa

Mu gihe haba hari imirimo yihutirwa igomba kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi, Biro y'Inama y'ubuyobozi irabyemeza bikazamenyeshwa Inama y'Ubuyobozi mu nama itaha.

Ingingo ya 18: Imiyoborere y'imirimo

Abayobozi b'amashami bashinzwe imigendekere myiza y'imirimo bakuriye. Mu bikorwa by'amashami bakuriye bagomba buri gihe kwibwiriza badategereje amabwiriza aturutse ku nzego zibakuriye.

Section 2: Directorate of REMA

Article 16: Daily Management of REMA

REMA daily management shall be entrusted to the Director General who is appointed by an Order of the Prime Minister. In his/her absence, he/she shall be replaced by the Director of Administration and Finance and in case of absence of the later, he/she shall be replaced by the Director appointed by REMA Director General or by the Board of Directors.

Article 17 : Urgent duties

In case of urgent duties to be approved by the Board of Directors, the Bureau of the Board of Directors shall approve it and inform the Board members in the following meeting.

Article 18: Conducting the services

The Directors of Units shall be responsible for efficiency of the departments under their supervision. In their departmental activities, they shall always be required to respect their responsibilities irrespective of instructions of their superiors.

Section 2 : Direction de REMA

Article 16 : Gestion quotidienne des activités de REMA

La gestion des activités quotidiennes de REMA sont sous la responsabilité du Directeur Général qui est nommé par Arrêté du Premier Ministre. En cas d'absence, son intérim est assuré par le Directeur Administratif et Financier et si celui-ci n'est pas disponible, l'intérim est assuré par le Directeur désigné par le Directeur Général ou par le Conseil d'Administration de REMA.

Article 17 : Travaux urgents

En cas d'activités urgentes à être approuvés par le Conseil d'Administration, le Bureau du Conseil d'Administration prend la décision et en informe les membres du Conseil d'Administration lors de la prochaine réunion.

Article 18 : Direction des services

Les Chefs d'Unités sont chargés du bon déroulement des activités dont ils ont la supervision. Ils doivent toujours faire preuve d'initiative sans attendre les instructions de leurs supérieurs.

Official Gazette n° 50 bis of 13/12/2010

Abayobozi b'amashami bakora raporo y'ibikorwa n'iy'imigendekere y'akazi bakayohereza Umuyobozi Mukuru wa REMA. Bahagararira Umuyobozi Mukuru wa REMA mu kazi bakoramo. Bashinzwe kubika inyandiko zose zo mu rwego rw'imirimu bakoramo.

The Directors of Units shall prepare activity and performance reports and submit them to the Director General of REMA. They represent the Director General where they work. They shall be responsible for all documents of their departments.

Les Chefs d'Unités préparent les rapports d'activités et de performance et les transmettent au Directeur Général de REMA. Ils représentent le Directeur Général de REMA dans leur travail. Ils sont responsables de tous les documents en rapport avec le service dont ils sont chargés.

Ingingo ya 19: Inama y'imicungire

Buri wa mbere mu byumweru bibili (2) haba inama y'imicungire ihuza Umuyobozi Mukuru wa REMA, abayobozi b'amashami, n'abakozi bari kuri urwo rwego, n'abahuzabikorwa b'imishinga ikorera muri REMA. Ishobora kandi gutumirwamo undi mukozi wese bibaye ngombwa.

Article 19: Management Meeting

One Monday in two (2) weeks, there shall be a Management meeting bringing together the Director General of REMA, Directors of Units and other members of staff at the level of Directors and Project Coordinators working in REMA. It may also be attended by any other member of staff where necessary.

Article 19: Conseil de gestion

Chaque lundi de toutes les deux (2) semaines se tient une réunion de gestion qui réunit le Directeur de REMA, les Chefs d'Unités, le personnel ayant le rang de directeur ainsi que les coordinateurs des projets opérant au sein de REMA. Le Conseil peut convoquer tout autre agent en cas de nécessité.

Iyo nama ireba imigendekere y'akazi y'ibyumweru bishize ikanategura imigendekere y'akazi mu byumweru bikurikira. Haba kandi inama ihuza abakozi bose ba REMA nibura rimwe mu mezi atandatu (6). Iyo bibaye ngombwa hashobora kuba inama idasanzwe.

The meeting shall examine the work performance in the past weeks and prepare strategies for the following weeks. There shall also be a meeting for all REMA members of staff at least once in six (6) months. If considered necessary, an extraordinary meeting may be held.

Cette réunion examine le déroulement du travail des semaines passées et prépare le travail des semaines qui vont suivre. Il est également prévu une réunion qui rassemble tous les agents de REMA au moins une fois les six (6) mois. En cas de nécessité, il peut y avoir une réunion extraordinaire.

**UMUTWE WA III: AKANAMA
GASHINZWE GUTANGA AMASOKO**

Ingingo ya 20 : Abagize akanama gashinzwe gutanga amasoko

Umuyobozi Mukuru wa REMA ashiraho abagize akanama gashinzwe gutanga amasoko barindwi (7). Abagize akanama gashinzwe gutanga amasoko bitoramo biro igizwe na Perezida, Visi-Perezida, Umukozi ushinzwe gutegura amasoko akaba umwanditsi wayo.

Umuyobozi Mukuru wa REMA, Umuyobozi w'ishami ufite imari mu nshingano ze, Umujyanama mu by'amategeko, umugenzuzi w'imari n'ushinzwe gucunga ibikoresho, ntibemerewe kuba mu bagize akanama gashinzwe gutanga amasoko.

Ingingo ya 21 : Manda y'abagize akanama gashinzwe gutanga amasoko

Uretse umukozi ushinzwe gutegura amasoko uhora mu kanama gashinzwe gutanga amasoko, abandi bagize ako kanama bagira manda y'imyaka itatu (3). Ntawe ushobora kugira manda ebyiri (2) zikurikiranye muri abo bandi.

Umuyobozi wa REMA asimbuza abagize akanama igihe cyose batagishoboye gukora

**CHAPTER III: PROCUREMENT
COMMITTEE**

Article 20: Members of the Procurement Committee

The Director General of REMA shall appoint seven (7) members of the Procurement Committee. Members of the Procurement Committee shall elect among themselves the Bureau composed of the Chairperson, the Vice chairperson and the procurement officer, and who acts as its secretary.

The Director General of REMA, the Director in charge of finance, the Legal Adviser, the internal auditor and the officer in charge of logistics are not allowed to be members of the Procurement Committee.

Article 21: Term of office of the members of the Procurement Committee

Except the Procurement Officer who is a permanent member of the Procurement committee, other members of the committee have a term of three (3) years. Other members may not be granted two consecutive terms of office.

The Director General of REMA shall replace incompetent members of the Procurement

**CHAPITRE III: COMITE DE
PASSATION DES MARCHES**

Article 20 : Membres du Comité de passation des marchés

Le Directeur Général de REMA désigne les membres du Comité de passation des marchés publics. Les membres de ce Comité choisissent parmi eux un bureau composé d'un Président, un Vice président et le chargé des marchés publics qui est de droit son secrétaire.

Le Directeur Général de REMA, le Directeur chargé des finances, le Conseiller juridique, l'auditeur des finances et l'agent chargé de la logistique sont exclus des membres du Comité de passation des marchés publics.

Article 21 : Mandat des membres du comité de passation des marchés

A part le chargé des documents d'appel d'offre qui est membre permanent du comité, les autres ont un mandat de trois (3) ans. Ces autres membres du Comité ne peuvent pas exercer deux (2) mandats consécutifs.

Le Directeur Général de REMA remplace les membres incompetents ou corrompus du

Official Gazette n° 50 bis of 13/12/2010

inshingano zabo cyangwa se bagaragaje imikorere mibi. icyo gihe umusimbura arangiza igihe cya manda cyari gisigaye. Ashobora kandi guhindura igihe cyose abagize akanama bese iyo bagaragaje imikorere mibi. Manda y'abagize akanama bashya itangira kuburwa igihe bagiriyeho.

Committee or those who demonstrated poor performance. In such cases, the successor shall complete the remaining term of office. He/she may also change, at any time, all members of the committee who are incompetent. The term of office of the new members starts from the date of their appointment.

Comité de passation des marchés publics. Dans ces circonstances, le remplacement vaut pour la période restante du mandat. Le Directeur Général de REMA peut à tout moment changer tous les membres du Comité de passation des marchés publics s'il s'avère qu'ils sont corrompus ou incompetents. Le mandat des nouveaux membres commence à partir de la date de leur désignation.

UMUTWE WA IV : ABAKOZI

CHAPTER IV: PERSONEL

CHAPITRE IV: PERSONNEL

Icyiciro cya mbere : Ishyirwaho ry'abakozi

Section One: Recruitment of the staff

Section première: Recrutement du personnel

Ingingo ya 22: Ibyiciro by'abakozi

Article 22: Categories of staff

Article 22 : Catégories d'employés

Abakozi ba REMA ni abakozi bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzeho z'imirimu ya Leta. Igihe habayeho imirimu yihutirwa isaba abakozi b'inyongera, ikigo gishobora gushyiraho abakozi b'igihe gito bagengwa n'amasezerano.

REMA staff shall be governed by the General Statutes for Rwanda Public Service. Whenever there are urgent duties requiring supplementary staff, REMA may recruit short term staff on a contractual basis.

Les employés de REMA sont régis par le statut général de la Fonction publique rwandaise. Lorsqu'il y a du travail nécessitant du personnel supplémentaire, REMA peut recruter à court terme un personnel contractuel.

Ingingo ya 23: Ibaruwa iha umukozi akazi

Article 23: Appointment letter

Article 23 : Lettre d'affectation

Umukozi uhawe akazi ashakirizwa ibaruwa imuha akazi igaragaza umurimo azakora n'ibyo ashinzwe.

An appointed staff shall be entitled to a letter of appointment specifying his/her duties and responsibilities.

Un employé affecté reçoit une lettre d'affectation qui décrit ses tâches et ses responsabilités.

Ingingo ya 24: Igeragezwa ry'umukozi

Umukozi wese utangiyeye akazi akoreshwa igeragezwa mu gihe cy'amezi atandatu (6). Iyo icyo gihe kirangiye akorerwa raporo n'umukuriye mu kazi, ikemezwa n'Umuyobozi Mukuru wa REMA, maze yaba yaragaragaje ubushobozi, agashyirwa mu mwanya burundu. Iyo icyo gihe kirangiye bigaragara ko adashoboye akazi arirukanwa. Ashobora ariko kongererwa ikindi gihe cy'igeragezwa kidashobora kurenza amezi atandatu (6).

Iyo umukozi uri mu igeragezwa amaze iminsi irenga cumi n'itanu (15) ikurikiranye atari ku kazi ku mpamvu zemewe n'amategeko, iyo minsi yongerwa ku gihe cy'igeragezwa.

Iyo igihe cy'igeragezwa kirangiye hagashira ukwezi urwego rubishinzwe rutaramenyeshya umukozi icyemezo cyafashwe, uwo mukozi aba yemejwe mu kazi ke burundu.

Ingingo ya 25: Gusimbura by'agateganyo umukozi uvuye ku kazi

Iyo umukozi avuye ku kazi burundu, bityo umwanya ugasigara nta muntu uwurimo, Umuyobozi Mukuru wa REMA aha by'agateganyo inshingano yari afite undi mukozi

Article 24: Probation

Any new employee shall be given six months period of probation. If such a period is over, the immediate supervisor shall prepare a report which is approved by the Director General and if he/she demonstrates competence he/she is shall be recruited permanently. If, at that period, he/she is proven incompetent, he/she shall be dismissed. He/she may, however, be given another term of probation not exceeding six (6) months.

If a member of staff under probation spends more than fifteen (15) consecutive days of absence from duty with legally justified reasons, such a period shall be included on the probation period.

If the probation period elapses and one (1) month passes before the relevant authority informs the employee of the decision taken, the employee shall be considered as automatically confirmed in his/her post.

Article 25: Temporary replacement of an employee

If an employee definitely loses his/her employment, and the post becomes vacant, the Director General of REMA appoints another REMA competent employee to temporary

Article 24 : Période d'essai

Tout nouvel employé doit passer une période d'essai de six mois après lesquels son supérieur direct fait un rapport pour l'approbation du Directeur Général de REMA et si l'employé s'avère compétent, il est recruté définitivement. Si par contre il s'est avéré incompétent il est renvoyé. Il peut toutefois bénéficier encore d'une autre période d'essai mais celle-ci ne peut pas dépasser six (6) mois.

Tout employé en période d'essai qui s'absente au travail pendant plus de quinze (15) jours consécutifs avec une justification valable, ces quinze (15) jours sont ajoutés à la période d'essai.

Lorsque la période d'essai est terminée et qu'il se passe un mois sans qu'il y ait une décision prise sur l'employé, celui-ci est réputé automatiquement confirmé dans son poste.

Article 25 : Remplacement temporaire d'un employé

Lorsque le poste d'un employé devient vacant, le Directeur Général de REMA affecte un autre employé compétent de REMA pour assumer temporairement les responsabilités

Official Gazette n° 50 bis of 13/12/2010

wa REMA ubishoboye.

assume duties left by the other employee.

de l'employé sortant.

Kugira ngo umukozi ahabwe by'agateganyo umwanya usumba uwo yari afite, agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

The following conditions shall be respected in order for an employee to get a temporary higher post:

Pour qu'un employé soit temporairement promu à un poste supérieur il doit remplir les conditions suivantes :

1° kuba yarashyizwe ku kazi burundu mu kigo;

1° to be a permanent member of staff in the institution;

1° Etre un employé permanent ;

2° kuba yarabonye amanota ari hejuru ya 80% mu itangwa ry'amanota mu mwaka uheruka;

2° to have scored more than 80% of annual evaluation of the previous year;

2° Avoir obtenu au moins 80% dans l'évaluation annuelle de l'année précédente;

3° kuba atarigeze ahabwa igihano kiri hejuru yo kugawa mu myaka itatu (3) ya nyuma.

3° not to have been subjected to a sanction superior to official blaming during the previous three (3) years.

3° N'avoir jamais été l'objet d'une sanction supérieure au blâme dans les trois (3) dernières années.

Icyiciro cya 2: Kubahiriza akazi n'imyitwarire ku murimo

Section 2: Diligence and discipline at work

Section 2 : Diligence et discipline au travail

Ingingo ya 26: Ingegabihe y'akazi

Article 26: Work timetable

Article 26 : Horaire de travail

Abakozi bakurikiza ingegabihe y'akazi igenga abakozi ba Leta. Umukozi wese afite inshingano zo kuba ku kazi mu masaha yose y'akazi, ntiyemerewe kuhava atabihereye uruhushya n'umukuriye mu kazi.

Employees shall be governed by public services work timetable. Any employee shall be obliged to respect all the working hours, and not permitted to leave office without permission of his/her supervisor.

Les employés sont régis par l'horaire des services publics. Tout employé doit respecter l'horaire de travail. Il ne doit pas être en dehors du travail sans la permission de son supérieur hiérarchique.

Ingingo ya 27: Gukora amasaha y'ikirenga

Article 27: Overtime

Article 27: Heures supplémentaires

Kubera inyungu z'akazi, umukoresha ashobora gusaba umukozi gukora amasaha y'ikirenga.

In the interest of the service, an employer may request an employee to work extra hours. In

Dans l'intérêt du service, il peut être demandé à l'employé de travailler des heures

Official Gazette n° 50 bis of 13/12/2010

Icyo gihe umukozi ahabwa amafranga ateganywa n'amategekoko. Kwitabira ibirori cyangwa imihango ku munsu w'ikiruhuko bisabwe n'umukoresha, nabyo bibarirwa muri iki cyiciro.

such a case, the employee shall be paid as provided for by the law. Attending ceremonies or festivities on a public holiday, upon request by an employer, shall also be considered as overtime work.

supplémentaires. Dans ce cas, l'employé sera payé conformément à la loi. Assister aux cérémonies ou aux fêtes pendant les jours fériés sera considéré comme heures supplémentaires si cela est demandé par l'employeur.

Kwitabira ibirori by'iminsi mikuru ireba abanyarwanda bose muri rusange iri ku rutonde rw'iminsi y'ikiruhuko rwashyizweho na Leta byo ntibibarwa nk'amasaha y'ikirenga.

Attending national ceremonies that concern all Rwandans in general on public holidays that are on the list of public holidays shall not be considered as overtime.

Assister aux cérémonies fêtes nationales concernant tous les Rwandais pendant les jours fériés, ne sera pas considéré comme les heures supplémentaires.

Ingingo ya 28: Gukererwa no gusiba akazi

Article 28: Lateness and absence from duty

Article 28 : Retard et absence au travail

Umukozi utinze kugera ku kazi kubera impamvu zitunguranye agomba kubimenyesha umukuriye.

Any employee who is late to report to work due to unexpected circumstances shall inform the supervisor.

